



KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

MUTAGATIFU YOZEFU
27 WERURWE 2023



UBUTUMWA
BWAKIRIWE NA
Sr VALENTINE



COPYRIGHT 2023 MONAKI
Tous droits réservés.



KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

MUTAGATIFU YOZEFU: KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

Tariki 27 WERURWE 2023. Sr Valentine

Kubaho mu kibatsi gitagatifu, ni ishingiro ry'ubuzima bushya, Uhoraho Imana yateguriye mwene muntu kuva cyera na kare, kugirango arusheho gusabana n'Uhoraho Imana Umugenga wa byose, kandi arusheho gutezwa imbere mu rukundo rw'Imana ari nako yururukirizwamo imbaraga mu buryo budasanzwe, kugirango izo mbaraga zimukikize kandi icyo kibatsi agituremo rwagati kimukikize ari nako gikingurura ibibi byose, biri hirya no hino ku kiremwa muntu ndetse no mu kiremwa muntu nyirizina. Ikibatsi gitagatifu rero kikaba gitanga imbaraga mu bemera bose kandi kwiturira muricyo kikaba gikomeza kuvomerera mwene muntu imbaraga, ububasha n'ubutwali bumufasha kugendera mu nzira z'Uhoraho, ubutagamburuzwa n'umwanzi kandi ubudacogora, kuko Uhoraho Imana yagishyiriyeho kuba inkingi kandi yagishyiriyeho kuba ingabo ikingira benshi muri uko kugituramo, ntacyo bikanga kandi ntacyo bishisha.

Akaba rero ari uburyo bwiza bwo kurushaho kwitagatifuza, mwene muntu yunga ubumwe n'Imana, yamburwa ubumuntu bwe kandi yamburwa ubusembwa, bw'ikitwa icyaha n'ikitwa ikibi cyose cyanduza Roho y'umuntu ndetse n'umubiri w'umuntu, ikibatsi kikaba kibereyeho gukamura ndetse no gukonozamo ubumara bw'ikibi cyose gishobora kugira ingaruka kuri Roho



KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

y'umuntu ndetse n'ubuzima bw'umuntu. Kwiturira mu kibatsi gitagatifu, akaba koko ari isoko y'ubuzima bushya bw'abana b'Imana, kuko ariho bavoma imbaraga zibafasha kwunga ubumwe n'Imana mu buryo busendereye, cyane cyane mu kubafasha kwitagatifuza, kuko arirwo rufunguzo rufungura ibyiza bituruka mu ijuru, bityo mwenemuntu akuzura ibinezaneza ku mutima we, kuko nyine ikibatsi gitagatifu gitwika gisukura ikitwa ikibi cyose kibangamira Roho, kandi ikitwa ikibi cyose kibangamiye umubiri. Bityo umubiri ukabona ubwisanzure, maze Roho nzima igatura mu mubiri muzima ntacyo yikanga kandi ntacyo yishisha, kuko nyine ikibatsi gitagatifu kibereyeho gukura mu nzira ndetse no guhanagura ubwandure bwose bw'icyaha ndetse n'ubw'uburwayi, kugirango mwenemuntu abeho mu mudabagiro udashira w'ibyiza byo mu ijuru.

Utuye mu kibatsi gitagatifu ahorana umurava w'ibyiza by'ingoma y'ijuru kandi agahorana umunezero n'urukundo bya Yezu Kristu mu buryo busendereye kuko nyine icyakagombye kumuvutsa ibyo byose kiba cyahindiwe kure, kandi kigahindira kure n'ububasha bwose bw'umwanzi bwavogera ikiremwa muntu.

Ikibatsi gitagatifu ni umuti ukiza kandi uvura Roho n'umubiri mu buryo bukomeye, utuye mu kibatsi gitagatifu bimufasha kurushaho gusabana n'Imana mu buryo bwihuse kandi buboneye, kuko nyine nyakibi atamushyikira kandi atigera amugera amanja uko



KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

yiboneye ahubwo iteka ryose ikibi kimugendera kure kandi na sekibi kubera ububasha bw'Uhoraho buba butuye mu kiremwa cyiturira kandi cyibereye mu kibatsi gitagatifu. Sekibi yamubona agakangaranwa n'ububasha yambaye kandi agakangaranwa n'imbaraga z'Uhoraho zituye muri uwo muntu. Uhoraho Imana amanura ububasha bwe akabusesekaza muwemeye gutura mu kibatsi gitagatifu, maze imbaraga z'Imana akaba arizo zimuyobora kandi zimugenga ubuzima bwe bwose, agahorana umunezero wo gutungwa n'ibyiza bivuye mu ijuru nta pfunwe, bityo agahindira kure ikitwa ikibi cyose giturutse ku mwanzi, kuko nyine aba yarahinduriwe amateka mashya yarahawe n'ubuzima bushya muri Roho mutagatifu, kugirango arusheho kuba umwana w'Imana kandi arusheho kwakira ubutagatifu. Gutura mu kibatsi gitagatifu rero bitanga ubwenge kuko aribwo buhanga nyabuhanga kandi Uhoraho ariho agabira imbaraga zose muri ukwo gutamururirwaho ikibi, maze kikizwayo maze imbaraga z'Imana zikaganza muri utuye muri icyo kibatsi gitagatifu.

Ikibatsi gitagatifu rero ntigira uko gisa muri mwene muntu, kuko uko tukivuga n'uko tugitangaza imikorere yacyo ndetse n'ubuvuzi bwacyo mu buryo bwa Roho, bifite injyana ishimishije ab'Ijuru, cyane cyane iyo kiri gukora mu biremwa bituye isi byugarijwe n'ikibi kandi byugarijwe n'umwanzi, kuko kibakingira ingeso mbi kandi kikabakingira ikitwa ikibi icyo aricyo cyose maze mwenemuntu wemeye gufungura umutima we



KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

akacyakira kandi kikamuturamo, atajijinganya kandi abishyizeho umutima, ari nako hafungurwa imiryango itabarika y'ibyiza by'ijuru, bityo mwenemuntu agasenderera urukundo amahoro n'ibyishimo, maze akarushaho kwitagatifuza mu migirire ye no mu mikorere ye, ntagire na kimwe akora gisobanye nicy'ugushaka kw'Imana. Maze iteka ryose agahora yirunduriye mu biganza by'Imana akaba aribyo bimuha amahoro n'ibyishimo n'umunezero, agahora asazwe n'ibyishimo mu buryo budacogora kandi mu buryo budasubira inyuma. Anezewa buri gihe no kuba iruhande rw'Uhoraho kandi umutima we ukanyurwa n'ijambo ry'Imana ibihe byose kuko rimubera ifunguro ritunga ubuzima bwe kandi agashimishwa nuko akatarije mu nzira y'ubutungane, ari nako aharanira guheka abari inyuma ye kugirango nabo bakatarize iyo nzira kubera urukundo ruba rwabuganijwe muri we. Uwituriye mu kibatsi gitagatifu ahorana igishyika cy'abandi mu buryo bwo kugirango baronke umukiro kandi baronke imbaraga mu buryo budasanzwe, kuko ahahererwa impano zikomeye ndetse n'ingabire zikomeye, zimufasha gushyikira no gusobanukirwa ibyiza by'ingoma y'ijuru mu buryo bw'agatangaza, ku buryo nta kimuziga mu rugendo rwe kandi nta kimuziga mu murimo Uhoraho Imana yamuhaye kandi yamutoreye, kuko iteka ryose ahora abona inzira ye imbere ye ari inzira z'urumuri kandi zirangwamo ibyishimo, bityo agaharanira kuyikatariza iyo nzira kuko aba azi aho yerekeza kandi ko aho agana ari heza. Mu



KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

nzira z’utuye mu kibatsi gitagatifu, ahari imitego arahamenya kandi aho umwanzi abundikiriye abantu akabimenya, kuko muri icyo kibatsi ahahererwamo imbaraga, ubwenge n’ubushishozi mu buryo bukomeye, kandi agahabwa kumenya ibi na biriya kuko nyine aba afitanye imishyikirano n’ab’Ijuru mu buryo budasanzwe, bityo agakorera ingoma y’ijuru atiganda kandi mu buryo budasubira inyuma ahubwo iteka ryose akarushaho gutera intambwe ajya mbere mu rukundo rw’Imana, ari nako aharanira gutwaza abananiwe kandi ari nako aharanira kujya mbere abandi kugirango bamubonereho urumuli kandi itara rye rihore ryaka, maze ikirezi yambaye bakibone kibashe kuyobora abagana inzira y’Imana. Abatuye mu kibatsi gitagatifu rero bahorana ubwira n’umuhate, basanzeye gutunganya no kwubahiriza icyo Imana ivuze, kuko igishyika cy’urukundo kibahibikanya kandi kibasabagiza, maze ibyishimo bikabasaga maze ibikorwa by’ijuru bikarushaho kubasabanyisha n’abandi, kuko nyine ububasha bw’Imana bumanuka bugakongeza mu mubiri wabo kandi mu mutima wabo, ikibatsi cy’urukundo kigurumana ubutitsa kandi uburetsa, bityo bikababera impamvu yo kwitanga no kwitangira abandi mu buryo bwo guharanira umukiro wa Roho z’abandi kandi mu buryo bw’ubwitange budacogora kandi budasubira inyuma.

Kwiturira rero mu kibatsi gitagatifu harimo ibyiza byinshi bitagereranwa kandi bitagira ingano, kuko iteka ryose utuye mu Kibatsi gitagatifu ahora avoma ku isoko



KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

y'impuhwe z'Imana, bityo nawe akarushaho kuvomerera abandi. Ni uguhora iteka uri mu kibatsi gitagatifu anezerejwe n'urukundo rw'Imana mu bantu, akarurwanirira kandi akarugirira ishyaka, mu buryo bwo kugirango icyiza Uhoraho yifuza mu bantu gisakare hose, kugeza n'aho habaho kurwitangira kandi kwigomwa byose kugirango icyo Imana yifuza kigere hose kandi icyo Imana yifuza ku bayo, kibashe kwamamara kandi kibashe kwubahirizwa, ku mpamvu yo kwigomwa no kwitanga k'utuye mu kibatsi gitagatifu. Akaba rero ari ikibatsi kibeshaho kandi kirushaho gufungura byinshi mu buzima bwa muntu kugirango imibereho ye n'Imana ibe ari imibereho yuzuye kandi ishyitse mu buryo ijuru ribyifuza kandi ribishaka.

Kubaho rero mu kibatsi gitagatifu ntibigombera umuto cyangwa umukuru, ni Inema kandi ni Ingabire y'Imana; cyane cyane hakabaho ubushake bw'ushaka gutura muri icyo kibatsi gitagatifu, kuko gitagatifuza abato n'abakuru, kandi buri kiremwa cyose kiremwa muntu wese aho ava akagera, akaba ntawe usagutse kuricyo, ububasha bwacyo bucengera buri wese kandi bukagera kuri buri wese, bugahindura byinshi mu buzima bw'umuntu, ari umunyabyaha kurusha abandi ndetse ari uworoheje kuko bese kibageraho kandi kikabakoraho imirimo inyuranye, bitewe n'impinduka gishaka kugaragaza muri mwene muntu, mu buryo ijuru ribigena kandi ribishaka kuri mwenemuntu. Ikibatsi rero gitagatifu, ku bagikoresha n'abemera kugituramo bese kikaba gitanga impinduka mu



KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

buryo bukomeye, kigatanga imishyikirano hagati ya buri muntu wese n’Imana kuko nta na kimwe kidashobora gutamurura kuri mwenemuntu, kabone naho cyaba gifite uburemere bumeze bute, kuko mu isuku ry’ ikibatsi ritwika risukura imyanda iyo ariyo yose, ibuza mwenemuntu kwunga ubumwe n’Imana. Ikibatsi gitagatifu gicengera hose, mu magufa, mu misokoro, kigatamururaho ikitwa ikibi cyose maze kigatangaza urumuli, maze rugasesekara mu mitima y’abantu. Kandi rukamururaho ikitwa ikibi kibereye inzitizi mwenemuntu n’imbogamizi, maze umusabano w’Imana n’abantu ukarushaho kwiyongera. Bityo ibyiza bikaza ari urujya n’uruza kubera ari urufunguzo rw’ubuzima bwa muntu mu kumuha n’Imana; kandi mu kumuha kwunga ubumwe n’Imana.

Ikibatsi gitagatifu kikaba gitanga ubuzima nyabuzima kuwemera gutura muricyo nawe kikamuturamo, kandi kikamubera inkingi ingabo, imukingira mu buryo bukomeye kugirango kimukumirire kandi kigize kure ikitwa ikibi icyaricyo cyose, kugirango hatagira na kimwe kivogera umugambi w’Imana ifite mu buzima bwa mwenemuntu. Ni igikorwa kandi buri wese agomba kwumva akazirikana kiremwa muntu, kuko cyashyiriweho gutagatifuza ubuzima bwa mwenemuntu kugirango bukurweho igihu cyose cy’umwanzu kimutandukanya n’Imana, maze kikamuha imishyikirano ishiritse kandi isendereye hagati ye n’Imana. Cyane cyane rero bikagaragarira mu kwambikwa ingabire kugirango



KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

mwenemuntu arushaho kuba igikoresho cy'ijuru kandi arushaho kuba intumwa y'ijuru kuko kimuturamo kandi kikamuganzamo, bityo ibikorwa byose ijuru rishatse kumukoreramo kikaberaho kuyungurura kuhagira no guhanagura icyamutera ubusembwa gishobora gutambamira umurimo w'Imana muriwe.

Akaba rero ari ubuzima bushya mu buryo bukomeye kuko nyine kigenda cyambura mwenemuntu ubumuntu bwe, maze imbaraga z'Imana zikaganza muriwe zikamuyobora kandi zikamugenga, bityo bikamutera kurushaho gushyikirana n'Imana ubuzima bwe bwose. Kwiturira mu kibatsi gitagatifu bitanga imbaraga mu buryo bwa Roho ndetse n'umubiri, kuko nyine hari byinshi bigerwaho kandi bikorwa n'ikibatsi gitagatifu umuntu atagizemo uruhare, kandi bikorwa n'ikibatsi gitagatifu bigizwemo uruhare n'ikibatsi ndetse n'imbaraga zacyo, kuko Uhoraho Imana yabigennye kandi yabiteguye mu mikorere yacyo mu kiremwa muntu. I kibatsi rero gitagatifu mu mikorere yacyo mu kiremwa muntu, akaba ari imikorere yo guhindura ubuzima bwa muntu bundi bushya, kugirango bwubakire kuri Uhoraho Imana maze mwenemuntu atandukanywe n'ibimutanya n'Uhoraho Imana, yirundurire kandi yirekurire mu Mana wese nta kimutangira kandi nta kimuziga. Muricyo rero mwenemuntu akazigamirwa ubutungane mu buryo bukomeye, kuko kigenda gikuraho imikoli, umwanda utandukanya mwenemuntu n'Imana, maze kigatazanurira amayira abemera bose kandi abatuye muri icyo kibatsi,



KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

bagahererwamo imbaraga zibafasha kwitsinda kandi nacyo iteka ryose mu isuku no gusukura kwacyo kigahora gitsikamiye icyitwa ikibi icyaricyo cyose, giclotiliye uwo gituyemo, kandi ugutuyemo kugirango hatagira ikibi na kimwe kimuvogera cyangwa kimugiraho ububasha.

Ikibatsi gitagatifu kirarema, kuko gitanga ubuzima bundi bushya mu buryo bwa Roho, kugirango mwenemuntu yiyumvemo imbaraga, kandi yiyumvemo ubumuntu busendereye bukurweho maze yakire imbaraga zituruka mu ijuru mu kuremwa bundi bushya kuko nyine imbaraga za kimuntu zicogozwa muriwe, amarangamutima agacogozwa, cyo kikaganza mu bubasha bw’Imana Data maze agahabwa imbaraga zibasha gutsikamira ikitwa ikibi cyose kigendanye n’umubiri, hakimakazwa imbaraga z’Imana muriwe mu buryo bukomeye, ku buryo zihora iteka zimufasha mu kwirinda gutana no gutandukira, kujya kure y’Imana, ahubwo iteka ryose agahora aganje mu bikorwa byiza Imana yifuriza abayo kandi mu bikorwa byiza Imana yageneye mwenemuntu kugirango abe aribyo bimiranga iminsi yose y’ubuzima bwe.

Ntikireka mwenemuntu yigenga kandi ntikireka mwenemuntu atana ngo atandukire ajye kure y’Imana, ahubwo iteka ryose kiba nk’umucyamuzi cyangwa umuyobozi umwerekana igikwiye kandi umuyobora mu nzira itunganye kuko igihe habayeho kudandabirana kunyerera no kugwa mu kibi gihita gisukura bwangu kandi kigakuraho ikitwa ikibi icyo aricyo cyose, bityo



KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

ubusembwa n’umwanda byakwanduza mwenemuntu bikamera nka wa mwenda uteyeho ama taches ugahita ufurwa vuba vuba mu isuku nyinshi. Ikibatsi rero gitagatifu ucyambaye wese kandi uwacyirunduriyemo wese kikamubera koko ubuhungiro n’ubwikingo bw’icyitwa ikibi icyaricyo cyose, kuko iteka ryose gihora gikuraho imikori kandi kigahora gisukura ikibi cyose gisatiriye mwenemuntu kandi cyegereye mwenemuntu. Akaba rero ari ubwihisho bukomeye kandi ubwikingo bukomeye, umwanzi adapfa kuvogera uko abonye uko ariko kose, kuko ucyambaye kandi ugikindikije wese mu bubasha bw’Imana Data buramanuka kandi bukamutwikira maze bukamwururukira bukamuremamo umubiri mushykandi bukamuremamo Roho nzima, isukuye kandi itunganye maze agasenderezwa imbaraga n’urumuri rw’Imana, ku buryo aho umwanzi amubonye kandi umwanzi adashobora kumutega uko abonye kwose, kuko iteka ryose umwanzi ahora iteka afite inkeke zo kwegera aho uwo muntu ari. Iteka ryose rero agahora yuzuye imbaraga n’ububasha bw’Imana Data n’urumuri rw’Imana ruhora ruhindira kure izo mbaraga zose z’umwanzi. Kuko ikibatsi gitagatifu kibereyeho gucyaha ikibi cy’umwanzi ndetse n’imyuka mibi iyo ariyo yose, bityo ugityemo ntavogerwe n’ibibi kandi ntavogerwe n’umwanzi uko yiboneye.

Kubaho mu kibatsi gitagatifu bitanga kwirekurira mu Mana ntacyo umuntu yizigamyemo, ahubwo akumva iteka ahora anezerejwe n’ibyiza biva mu Mana Data



KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

agahorana inyota y'ibyiza by'ingoma y'ijuru kuko nta cy'isi kimunezeza kuruta ibyo mu ijuru, kuko ahora asonzeye ubutungane kandi akabugirira inyota ubuzima bwe bwose. Ntanezewwa no kubona ikibi gisatiriye abandi cyangwa we cyamwigaruriye, ahubwo igihe cyose ahorana umwete umurava n'umuhate wo guhorana isuku iya Roho kandi wo guhorana isuku ku bandi kuko atigera agoheka gihe atari mu ruhande Imana imwifuzamo. Utuye mu kibatsi gitagatifu ntabwo ijuru ryigera rimurekurira imbaraga z'umwanzi, kuko iteka ryose ububasha bw'ijuru bumanuka bukamutwikira kandi bukamuhisha, bityo akahabona imbaraga zimufasha iteka ryose kugendera kure ikitwa ikibi n'igisa nacyo kandi ijuru rikiyunga nawe mu bikorwa bidasanze by'ubuzima bwe kuko nyine aba afitanye imishyikirano naryo mu buryo budasanze. Agahabwa gusobanurirwa ibintu n'ibindi kandi agahabwa kumenya icyo ijuru ryifuza kandi rimwifuzaho n'icyo ryifuza ku bandi, ari ko gusesekazwaho ingabire ndetse n'imigisha itandukanye, cyane cyane muby'iyobokamana mu buryo budasanze bwo kugirana imishyikirano nab'ijuru.

Utuye mu kibatsi gitagatifu, ahorana urugwiro kandi agahora asenderejwe imbaraga zimufasha kwubakira ubuzima bwe kuri Uhoraho Imana Umugenga wa byose. Kubaho mu kibatsi gitagatifu akaba imbarutso y'ubutungane Uhoraho yigeneye kugirango atunganyirizemo abe, kandi agaragarize urukundo rwe abamuyobotse kandi abamukurikirana umutima



KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

utaryarya, kugirango akomeze kubiyereka kandi abereke imbaraga zivomererwa mu kibatsi gitagatifu mu kubakingira ikitwa ikibi cyose kandi mu kubaronsa imbaraga zibafasha gukataza mu cyiza mu buryo bw'urukundo rusendereye, kandi mu buryo bw'ubudahemuka, mu byiza by'ingoma y'ijuru ribagera umunsi ku munsi.

Kubaho mu kibatsi gitagatifu bikaba birinda mwenemuntu kugwa mu cyaha uko yiboneye kandi gutanira kure y'Uhoraho, akaba kandi ari uburinzi bukomeye ku kiremwa muntu, bumufasha kurushaho gusa n'Imana Umubyeyi kandi Umugenga wa byose ku bw'icyuhagiro cy'ikibatsi gitagatifu kandi ku bw'imbaraga ashirwamo kandi ahabwa mu kibatsi gitagatifu, zimufasha kwirundura no kwirekurira mu Mana, mu guha agaciro iby'Ijuru ndetse no kubigenderamo, kubyitwarikiramo, kandi kubaho mu rukundo ntacyo abibangikanyije, bikamufasha gushyikirana n'Imana ntacyo ayibangikanyije, bityo ibitambamiye umugambi w'Imana ikamufasha kubigendera kure kandi ikamufasha kwitandukanya n'ikitwa ikibi n'igisa nacyo, kuko nyine mu mutima aba agenda ahabwa imbaraga zimufasha kugurumanisha icyiza kimufasha kurushaho gutera imbere mu rukundo rw'Imana bityo muri icyo kibatsi atuyemo ntikumwemerere kuganzwa n'ikibi, ahubwo agahora iteka azamurwa mu ntera y'ab'Ijuru akatarije ikiza kuko ijuru muri icyo kibatsi gitagatifu ryururutsa ububasha bwaryo bukamuyobora kandi ijuru ubwaryo rikamwiyigishiriza,



KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

akahahererwa imbaraga n’ubuhanga butambutse imyigire ya mwenemuntu ku isi; kuko mu kibatsi gitagatifu ugituyemo agenda avugururwa mu buzima bwe kandi agahugurwa mu bwenge bwe kugirango arusheho gusabana n’Imana, kuyinyura no kuyiyoboka akereye kurata izina ryayo mubyo yumva kandi n’ibyho atumva agahabwa kubisobanukirwa mu buryo ijuru rimutegura kandi rimuteganyiriza, kuko mu kibatsi gitagatifu agenda aremwa bundi bushya, kandi ahabwa imbaraga ari nako ahindurirwa amateka y’ubuzima bwe. Ku wemeye kuyoborwa n’ijuru rero ubuzima bwe bwose kandi akirekurira mu Mana ubuzima bwe bwose, icyo kibatsi kikamuturamo ubuziraherezo kikaba kitemera atana ngo abe yajya kure kandi kikaba kitamwemerera kuba hari icyamugwirira kandi ngo gitume atana ave mu murongo w’icyo Imana imwifuzaho ahubwo iteka ryose ahora arindiriye kandi arambirije mu nzira Uhoraho yamutoreye kandi yamuhamagariye ubutaretsa, kuko iteka ryose aba ari ho yiteguriye kwakirira ibisubizo byose, kuko nta na kimwe gishobora kumuhungabanya ngo kimujyane kure y’Uhoraho kuko aba yarirekuriye muri Uhoraho wese nta na kimwe asize inyuma.

Mu kibatsi gitagatifu rero atuyemo akaba akomeza guhabwa imbaraga zimwambura imiterere n’amarangamutima ya kimuntu, akarushaho gutera imbere yinjira mu rukundo rw’Imana, akarushaho kwambara imbaraga z’Imana ari nako agenda atezwa intambwe yamburwa imbaraga za kimuntu arushaho



KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

gusenderezwa imbaraga z’Imana, bityo bikamufasha kurushaho kugira imico n’imimerere imushora ku butungane kandi imugeza kucyo Imana imwifuzaho, ari ko agenda afata intera yo kubaho gitagatifu yitandukanya n’ibyisi kuko aba yaramaze kwirekurira mu Mana ubwe ntacyo yizigamye kandi ntacyo ayibangikanyije nacyo! Ibyo bikamuha kurema no gushinga imizi mu rukundo rw’Uhoraho, bityo bikamuha no kwerera abandi imbuto zibafasha kuyoboka Imana no gutura mu rukundo rw’Imana kubera ubwitange ndetse n’urugero rwiza bavomye kuri uwo muntu wemeye kwirundurira mu Mana kubera ububasha bwayo n’imbaraga zayo.

Utuye mu kibatsi gitagatifu aharanira gushingira amahema abandi abigirishije urukundo rwa Yezu Kristu ndetse n’ urw’Imana Data, kuko iteka ryose ahora avomererwa bityo nawe agaharanira kuvomerera abandi. Ntagoheka kandi ntatekana ntanatuza atari mucyo Imana imushakaho kandi imuhamagarira, agahorana ubwira umuhate n’inyota wo gukiza Roho z’abandi, kandi ari nako yishimiye intambwe ya Roho ye bityo agahora azirikana abari inyuma ye kubashyira mu mugongo we kugirango abashyikirize Imana Umugenga wa byose, kuko atiberaho we ubwe aberaho imbaga kandi akaberaho kugirango benshi batagatifuzwe ku mpamvu ye, kuko aba yarashyikiriyeye urukundo rw’Imana kandi nawe akifuza gutezwa intambwe kwe n’Ijuru ko n’abandi batera intambwe ku mpamvu ye. Ahora iteka aharanira kuzamuka mu rumuli rw’Imana, ari nako azirikana abandi



KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

bari inyuma ko bazamuka mu rumuli rw’Imana, bityo ukwigomwa no kwitanga kwe, imbaraga ze zose akazikoresha mu buryo bwo kuzahura no kurushaho kwitagatifuza no kurushaho kugirango n’abandi bitagatifuze ku mpamvu ye. Intera ye n’intambwe ye agezemo yifuzza yuko hagira abandi bamukurikira muri icyo ntambwe kugirango haboneke umukiro wa Roho nyinshi, kandi haboneke umukiro wa benshi ku mpamvu ye.

Utuye mu kibatsi gitagatifu yakira umukiro kandi akakira imbaraga muri we zikomeza kugurumana mu rukundo rukomeye bityo agahorana igishyika kuri Roho z’abandi agahora iteka ashakisha uburyo bwo kwitanga kugirango akize Roho nyamwinshi mu buryo bwo kwitanga ndetse no kwigomwa ku mpamvu y’umukiro w’abandi.

Kubaho mu kibatsi gitagatifu bikaba biha buri wese kwishyira kwizana, mu mpuhwe n’imbabazi by’Uhoraho Imana, kandi mu kurindwa gukomeye ndetse n’uburinzi bukomeye kuri buri muntu mu buryo bwo gukomeza kwubakirwa ubuzima bushya kuri buri muntu wese uriho mu kibatsi gitagatifu kuko nyine ikibatsi gitagatifu kitabereyeho uyu n’uriya ahubwo kibereyeho bose bakishyira bakizana bityo kikababera inzira n’umukiro ubafasha kwunga ubumwe n’Imana kuko aricyo cyashyiriweho kandi kikaba gitanga umunezero n’amahoro kuri buri wese ntawe uhejwe. Ikibatsi rero gitagatifu ku ukibamo kandi ku ugutuyemo akaba atari iby’umurimbo ahubwo gifite icyo cyungura buri muntu



KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

mu buryo bw'imibanire ye n'Imana, mu kumuvugurura no kumwambika imbaraga bundi bushya ndetse no kumuha isuku nyayo isendereye imufasha gushyikirana n'Imana, ndetse imufasha kuyoboka Imana by'ukuli no kugendera mu nzira z'Uhoraho Imana.

Kubaho mu kibatsi gitagatifu bikaba biri mu nteguro idasanzwe, kandi kubaho mu kibatsi gitagatifu akaba ari igikorwa cy'ijuru ubwaryo mu buryo budasanzwe kireba mwenemuntu, kugirango mwenemuntu yakire imbaraga kandi yakire ubuzima bushya kandi yakire byose muri cyo kuko hahishemo byinshi byiza bireba ikiremwa muntu, mu buryo buvuguruye kandi bwo kuvugurura mwenemuntu kugirango arusheho kugendera mu nzira z'Uhoraho bityo ibimutandukanya n'Imana byose bikurwe mu mayira kandi bihagarikwe kugirango mwenemuntu weguriwe Imana kandi wahawe kwubaha no kwubahiriza ugushaka kw'Imana abashe gutura muri icyo kibatsi gitagatifu kugirango ahavomererwe imbaraga zimufasha kugera kucyo ijuru rimwifuzaho kandi rimushakaho. Muri icyo kibatsi rero kikaba cyarabayeho nk'isoko idudubiza kuri mwenemuntu uwo ariwe wese kugirango avugurure umubano we n'Imana, kandi ugituyemo arusheho gukomeza urugendo nta kimuteye gutana no gutandukira umugambi ijuru ryamuteguriye mu isi, kandi mu mirimo Uhoraho yamutoreye yo kubaho mu isi nta kinyuranyije no gushaka kw'Imana ahubwo iteka ryose agahora aganje mu rukundo rw'Imana kandi abereyeho Imana.



KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

Kubaho rero mu kibatsi gitagatifu akaba mwenemuntu agomba kubyakira nka cadeau nziza agenewe n’Imana isumba byose, kuko kubaho mu kibatsi gitagatifu bimuha kuvururwa kandi bikamuha kunyura Imana ubuzima bwe bwose maze Roho ye igahora ibengerana kandi isukuye, ishyizweho uburinzi bukomeye ari Roho n’umubiri, byose bishyizwe mu burinzi bukomeye, kugirango Sekibi atavogagira umugambi mwenemuntu afitanye n’Imana. Akaba rero mwenemuntu yaragenewe guhererwa imbaraga muri uko kubaho mu kibatsi gitagatifu kugirango abashe kwakira izo mbaraga zimubashisha icyo atabasha, kandi zimushoboza icyo we atabasha kwishoborera ubwe.

Kubaho mu kibatsi gitagatifu bigafasha buri wese ugutuyemo mu kugenda neza mu murimo Uhoraho yamushinze kandi yamutoreye, bikamufasha no kuwurangiza no kuwusoza neza atagamburujwe n’imbaraga z’umwanzi kuko cyirinda kwirara kandi cyikarinda kurambirwa no kurambika cyikarandura amarangamutima ayo ariyo yose yatera umuntu gutana no gutandukira bityo icyari ikiza kigahinduka kibi ahubwo iteka ryose icyo kibatsi cyigahora gikumira kandi kigizayo ikintu kibi icyo aricyo cyose cyatuma mwenemuntu ava mu birindiro Uhoraho Imana yamushyizemo. Gihora gisunika imbaraga muri mwenemuntu kandi kigahora cyubaka imbaraga muri mwenemuntu, cyikigizayo icyitwa ikibi icyo aricyo cyose maze ubuzima bwa muntu aho kugenda busubira inyuma bugahora buvugururwa umunsi



KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

ku muni akarushaho gusabana nab'Ijuru ariko agenda atera intambwe mu kumubengeranisha ubutungane ari nako arushaho kugenda atagatifuzwa asatira ubutagatifu nyabwo.

Kubaho mu kibatsi gitagatifu bifasha mwenemuntu kubaho mu Mana ubudatezuka kandi ubutarambirwa ubudasubira inyuma ubutagamburuzwa ahubwo buri wese akumva amiringiro ye ari mu Mana mu buryo budasubira inyuma kandi budakayuka iteka ryose, agahorana ikibatsi mu mutima we kigurumana cy'urukundo rw'Imana, bityo urwo rukundo rugakwega ibyiza bivuye mu Mana bigatura muri we bityo nawe akarushaho kumvikanisha ibyiza by'Uhoraho Imana abigirishije umwete n'umurava ndetse n'ingabire y'Imana n'Inema y'Imana agabirwa umunsi ku muni. Ijuru ntirimwemerera acogora kandi ijuru ntirimwemerera ananirwa kuko ikibatsi kibereyeho gutanga imbaraga ibihe byose kandi kigakumira ikintu cyahagarika icyiza kiri muri mwenemuntu. Kigahora gifungura imiryango kugirango mwenemuntu yuhirwe kandi avomererwe mu buryo bwose iby'ingenzi kandi agomba mu buzima bwe, yaba iby'inyungu ku giti cye ndetse n'inyungu z'abandi, cyane cyane mu buryo bwa Roho, kuko ibikorwa byose bifungurirwa muri we bigakorwa ku buryo bw'umugaragararo ibindi bigakorwa mu buryo bw'ibanga, bizwi na nyirabyo hagati ye n'Imana ye.



KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

Kubaho mu kibatsi gitagatifu ni iby'ingenzi kandi ni iby'agaciro gakomeye, ikibatsi gitagatifu akaba ari iriba rivomerera benshi ubutungane, ku bemeye kuryogamo kandi ku bemeye kurituramo, kuko nta na hamwe gihezwa kitagera ngo gikure umukori wose aho waba uherereye.

Ikibatsi gitagatifu nkaba nkigereranya nk'iriba rifutse umushumba mwiza ashoyeho intama ze zifite icyaka. Zikaba zirushanwa kugirango zigere kuri iryo riba, maze icyaka gishire.

Ikibatsi gitagatifu kikaba cyarashyiriweho rero umukiro wa benshi mu isi, mu buryo bwo kubafasha kwitagatifuza ndetse no kwunga ubumwe n'Imana Data, mu buryo bukomeye kandi mu buryo iyo nteguro iri mu mugambi w'Imana kandi igomba kugerwaho byanze bikunze nta gishobora kuburizamo uwo mugambi wagenewe kiremwa muntu kugirango abashe kunga ubumwe n'uwamuhanze binyujijwe muri uko gutura mu kibatsi gitagatifu ubutaretsa, kugirango mwenemuntu ahaherewe imbaraga zimufasha gutsinda no kuganza ikitwa ikibi icyo aricyo cyose, kugirango mwenemuntu yiyubakemo ubuzima bushya Uhoraho yamuteguriye kuva cyera na kare binyujijwe mu rukundo rwe bikaba rero bigomba kugaragarira mu kiremwa muntu cyose kigomba kwirekurira mu rukundo rw'Imana no mu gushaka kw'Imana, kigashyira byose ku ruhande kikinjira mu kibatsi gitagatifu kugirango cyitagatifuze, kugirango mwenemuntu abashe guhura n'Imana abigirishije



KUBAHO MU KIBATSI GITAGATIFU

urukundo rwe kandi abigirishije ubwitange no kwigomwa, azirikana urukundo Imana yamukunze kuruta byose. Bikaba biri mu nteguro n’umugambi w’Imana ireba buri kiremwa cyose kuko aribwo buzima bushya busendereye Uhoraho Imana yateguriye abe kandi yazigamiye abe, kugirango babeho mu rukundo rwe kandi babereho kwamamaza no kwogeza ingoma ye bambaye imbaraga zibafasha gutsinda nyakibi kandi zibafasha gutsinda ikitwa ikibi icyo aricyo cyose, kuko mwenemuntu yahawe imbaraga zo gutsinda no kunesha umwanzi, nta cyemezo kandi nta bubasha mwenemuntu afite bwo gutsindwa n’umubisha.

Muri icyo kibatsi rero akaba ariho buri muntu wese avugururirwa kandi agahabwa imbaraga zimubera ingabo imukingira kandi zimubera byose kugirango ahore iteka ashishikariye urukundo rw’Imana kuruta ibindi byose.

AMAHORO, AMAHORO, IBIHE BYIZA, AMAHORO,
AMAHORO.